REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA MUSANZE

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE YATERANYE KUWA 24/12/2019**

None kuwa 24/12/2019 saa mbiri n'iminota makumyabiri (08h20) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya kabiri iyobowe na Perezida wayo, Bwana **ABAYISENGA Emile**. Inama yatangiye abitabiriye baririmba Indirimbo y'Igihugu cyacu yakurikiwe n'Isengesho. Umuyobozi yatangiye ashimira Abajyanama n'abakozi b'Akarere bitabiriye Inama Njyanama .

**KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA:**

1.Kugezwaho Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 30/09/2019 n'ishyirwa mu bikorwa ryayo
2.Ishyirwa mu bikorwa:
 a) ry'Imihigo y'Akarere 2019/2020
 b) rya Gahunda y'Ibikorwa by'umwaka 2019/2020
 c) ry'Ingengo y'Imari 2019/2020
3.Gusuzuma ibyavuye mu ma Komisiyo ahoraho y'Inama Njyanama

| INGINGO ZIZWEHO | INYANDIKOMVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO | IBYEMEZO BYAFASHWE |
|---|---|---|
| 1.Kugezwaho Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 30/09/2019 n'ishyirwa mu bikorwa ryayo | Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere, Madamu NYIRABYIMANA Jacqueline yagejeje ku Bajyanama inyandikomvugo y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 30/09/2019.<br>-Hakosowe umwanzuro n° **043/09/2019/04**: Inama Njyanama ishingiye ku Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yarwo ya 125, agace ka 9, igendeye kandi ku cyemezo cyafashwe n' Inama | **056/12/2019/01:** Inama Njyanama yemeje imyanzuro y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 30/09/2019.<br>-Hakosowe umwanzuro N°**043/09/2019/04**: Inama Njyanama ishingiye ku Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 125, agace ka 9, igendeye kandi ku cyemezo cyafashwe n'Inama Njyanama yateranye tarikiya 12/05/2017 yemeje ko Akarere gafasha za SACCO's z'Imirenge kubona ibyangombwa bya burundu by'ubutaka inyubako zubatseho, Inama Njyanama yemeje ibi |

| | | |
|---|---|---|
| | Njyanama yateranye tarikiya 12/05/2017 yemeje ko Akarere gafasha za SACCO's z'Imirenge kubona ibyangombwa bya burundu by'ubutaka inyubako zubatseho, Inama Njyanama yemeje ibi bikurikira:<br><br>a)Ubutaka bufite **UPI: 4/03/13/03/6701** buherereye mu Mudugudu wa Nyundo, Akagari ka Murandi, Umurenge wa Remera bwandikwa ku Karere kandi igice cyabwo gifite ubuso bungana na **954.97 sqm** bwegurirwa **ITEGANYIRIZE SACCO** ikorera mu Murenge wa Remera; aho kuba umudugudu wa Bitsibo, Akagari ka Rurambo.<br><br>Hakosowe imyandikire ya **KABO Constructors Ltd** aho kuba KABO Constructions Ltd.<br><br>-Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama, ntabwo ari ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi wa UTOPIAN Options Africa Ltd<br><br>Ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama:<br><br>Madamu NUWUMUREMYI Jeannine, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze yagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama, aho yatanze ibisobanuro na zimwe mu mbogamizi zagaragaye zatumye imyanzuro imwe idashyirwa mu bikorwa<br><br>-Kubona Ingengo y'Imari yo kugura ubutaka bw'ahagomba gushyirwa ikimoteri mu Murenge wa Gacaca, Inama Njyanama yagiriye Komite Nyobozi y'Akarere inama yo kwegera WASAC mu buryo bwihariye bayisaba ko yafasha | bikurikira:<br><br>a)Ubutaka bufite **UPI: 4/03/13/03/6701** buherereye mu Mudugudu wa **Nyundo**, Akagari ka **Murandi**, Umurenge wa Remera bwandikwa ku Karere kandi igice cyabwo gifite ubuso bungana na **954.97 sqm** bwegurirwa **ITEGANYIRIZE SACCO** ikorera mu Murenge wa Remera.<br><br>INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE |

| | | |
|---|---|---|
| | Akarere kubona ingurane y'ubwo butaka, kuko byagaragaye ko Akarere nta mafaranga gafite yo kugura aho hantu.<br><br>-Ku bijyanye n'umwenda Ibitaro Bikuru bya Ruhengeri bifitiye Farumasi y'Akarere, Inama Njyanama yasabye ko mu byihutirwa ibitaro bifite bahera kuri iyo myenda. | |
| 2.Ishyirwa mu bikorwa:<br>a) ry'Imihigo y'Akarere 2019/2020<br>b) rya Gahunda y'Ibikorwa by'umwaka 2019/2020<br>c) ry'Ingengo y'Imari 2019/2020 | **a)** Abayobozi b'Akarere bungirije bagejeje kubitabiriye Inama Njyanama ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere 2019-2020. Akarere gafite imihigo **94** ikubiye mu nkingi eshatu:<br>-Inkingi y'Ubukungu: **23**<br>-Inkingi y'Imibereho Myiza: **49**<br>-Inkingi y'Imiyoborere Myiza: **22**<br><br>Imihigo imaze gushyirwa mu bikorwa ku buryo bukurikira<br>➢ 0-50% : Imihigo 32 ingana na 34% by'Imihigo yose<br>➢ 50-79%: Imihigo 6 ingana na 6,4% by'Imihigo yose<br>➢ 80-100%: Imihigo 56 ingana na 59,6% by'Imihigo yose<br><br>-Ikibazo cya VUP /Classic Public Works bimaze kugaragara ko hari ikibazo cy'amafaranga atazaboneka bikaba bitagishobotse ko igera mu Mirenge yose nk'uko byari biteganijwe.<br>-Umuhigo ujyanye n'amavomo atagikora, inama yasabye ko byihutishwa abaturage bakabona amazi.<br>-Imihigo irebana no gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage(HSI) bigaragaye ko igoye | **057/12/2019/02:** Nyuma yo kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere 2019-2020, Inama Njyanama imaze kubona ko harimo imihigo myinshi ikiri hasi {imihigo igamije gukemura ibibazo byugarije ubuzima bw'Abaturage(HSI) n'imihigo mishya itaratangira gukorwaho}, yasabye ko Imihigo ikiri hasi yitabwaho, hagafatwa ingamba zikomeye mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo 21 mishya itaratangira gukorwaho.<br><br>**058/12/2019/03:** Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho imikoreshereze y'ingengo y'imari n'iteganya bikorwa by'Akarere ka Musanze igihembwe cya kabiri umwaka wa 2019-2020, basanze ingengo y'imari imaze gukoreshwa ku kigero cyo hasi cyane cya 34% bitewe n'ibikorwa biteganijwe bizatwara amafaranga menshi birimo imihanda, agakiriro, ikigonderabuzima mu Murenge wa Gacaca n'ibindi, basabye ko mu bihembwe bisigaye ibyo bikorwa byihutishwa kuko bitezweho guhindura ubuzima bw'Abaturage. |

| | | |
|---|---|---|
| | Akarere kuko ibibazo bikiri byinshi, hifujwe ko ingamba zitandukanye zafashwe zishyirwamo imbaraga kandi gukorana n'abafatanyabikorwa bikanozwa.<br><br>-Imihigo mishya irebana n' Imidugudu n'Utugari by'icyitegeerezo bigomba kwitabwaho kandi bikihutishwa.<br><br>**b)** Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'umwaka 2019/2020:<br>**c)** Ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari 2019/2020:<br>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Musanze yagejeje ku Inama Njyanama ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'Ibikorwa by'umwaka 2019/2020 n'Ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari 2019/2020:<br><br>-Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'Imari biri kuri 34%, impamvu bikiri hasi ni imishinga myinshi itaratangira gukorwa harimo Imihanda izakorwa ku nkunga ya *Word Bank*, Agakiriro , Ikigo Nderabuzima kizubakwa mu Murenge wa Gacaca n'ibindi.<br><br>-Ubuyobozi w'Akarere bugomba gufata ingamba ku baturage bugarijwe n'amazi mu Murenge wa Busogo, Akagari ka Sahara, Inama Njyanama yifuje ko hakorwa igenzura hakamenyekana n'abandi baturage bose batuye ahantu hashyira ubuzima bwabo mu kaga bagakorerwa ubutabazi.<br>-Mu ngengo y'imari itaha Inama Njyanama yifuje ko hazongerwa Ingengo y'Imari igenerwa ibiza, ibikorwa byo kwibuka, insimburangingo n'inyunganirangingo n'ingengo y'imari igenerwa abarwayi batishoboye. | |

| | | |
|---|---|---|
| 3.Gusuzuma ibyavuye muri za Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama | ➢ ***Komisiyo y'Imiyoborere myiza:***<br>-Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ibitaro Bikuru bya Ruhengeri na Farumasi y'Akarere ka Musanze, Inama Njyanama imaze gusesengura ikijyanye n'ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ibitaro Bikuru bya Ruhengeri na Farumasi y'Akarere nyuma y'uko Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 30/04/2013 bagenderagaho rivuguruwe n'Iteka rya Perezida n° 10/01 ryo kuwa 10/05/2016 rigena amafranga y'insimbura mubyizi n'ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye, inama z'Igihugu n'Ibigo bya Leta rivuguruza iryari risanzwe. Bikagaragara ko amafaranga yashizwemo ahanitse cyane hagagaragazwa impungenge ko ayo mafaranga ari menshi, Inama yemeje ko Abagize izo Nama z'Ubuyobozi bazajya bafata amafaranga ibihumbi mirongo itanu(50,000frw) hakongeraho imisoro. Ibi byemejwe kubagize Inama y'Ubuyobozi bose havuyemo abakorera urwego Inama y'Ubuyobozi iriho, kuko baba bari mu kazi.<br><br>**-Uko umutekano uhagaze n'ingamba zihari mu kuwubungabunga muri iyi minsi mikuru tugiye kwinjiramo**:<br>Umuyobozi w'Akarere, NUWUMUREMYI Jeannine yagaragarije Inama Njyanama ko mu byaha bikomereye Akarere aribyo:<br>-Gukubita no gukomeretsa<br>-Ubujura bukorwa cyane nijoro, gutobora amazu no kwambura abagenzi;<br>-Impanuka zo mu muhanda akenshi ziterwa n'amagare; | **059/12/2019/04:** Nyuma yo gusesengura ibijyanye n'amafaranga ahabwa abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ibitaro Bikuru bya Ruhengeri na Farumasi y'Akarere mu gihe bateranye, nyuma kandi yo kubona ko Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 30/04/2013 bagenderagaho rivuguruwe n'Iteka rya Perezida n° 10/01 ryo kuwa 10/05/2016 rigena amafaranga y'insimbura mubyizi n'ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye, Inama z'Igihugu n'Ibigo bya Leta bagenderagaho ryavuguwe. Inama Njyanama yemeje ko abagize Inama z'Ubuyobozi z'ibigo byavuzwe haruguru bajya bafata amafaranga bari basanzwe bafata hongereweho imisoro ingana na 30% yayo buri wese yafataga. Inama Njyanama kandi yemeje ko aya mafaranga agomba guhabwa abitabiriye Inama y'Ubuyobozi ukuyemo abayitabira bakorera urwo rwego kuko bo baba bari mu kazi kabo gasanzwe.<br><br>**060/12/2019/05.** Nyuma yo kugezwaho uko umutekano uhagaze mu Karere ka Musanze n'ingamba zihari zo gukomeza kuwubungabunga.Inama Njyanama irasaba ko umutekano warushaho kwitabwaho ndetse mu minsi mikuru isoza umwaka uburyo buhari bwo gucunga umutekano bukongerwamo imbaraga.<br><br>**061/12/2019/06:** Nyuma yo gusesengura ikibazo cya **NDIKUBWIMANA Laurent** no kugera aho butaka bwe bufite UPI:**4/03/08/04/818** buherereye mu Mudugudu wa Muhe, Akagari ka Ruhengeri, Umurenge wa Muhoza asaba ko buhindurwa icyo bwagenewe gukoreshwa bukaza ku nsengero bukagirwa gutura, Inama Njyanama yemeje ko buhindurirwa icyo ubutaka bwagenewe gukorerwaho(Usage) bukavanwa mu nsengero bukagirwa ubwo gutura. |

| | | |
|---|---|---|
| | -Ibiyobyabwenge(urumogi);<br>-Gusambanya abana;<br>-Amakimbirane mu ngo;<br>**Ingamba zafashwe**:<br>-Gushyira imbaraga mu kugenzura imikorere y'utubari no guhana abakoresha utubari mu masaha atemewe<br>-Kubyaza umusaruro umugoroba w'ababyeyi<br>-Kugenzura imikorere y'amarondo adakorwa uko bikwiye.<br>-Gusaba abaturage mu nama zitandukanye bibutswa gutanga amakuru no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana.<br>-Abayobozi bafatanije n'abashinzwe umutekano bafite ingamba zo gukomeza kwegera abaturage muri iyi minsi mikuru hagamijwe kubungabunga umutekano<br><br>➢ ***Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu :***<br>-Komisiyo yasuzumye ikibazo cya **NDIKUBWIMANA Laurent** ufite ubutaka UPI:**4/03/08/04/818** buherereye mu Mudugudu wa Muhe, Akagari ka Ruhengeri, Umurenge wa MUHOZA usaba ko ubutaka bwe bwakurwa mu hagenewe amadini bukagirwa ubwo gutura.<br><br>-Ubusabe bwa **NYIRARUKUNDO Josephine** ufite ikibanza UPI :**4/03/06/01/5649** giherereye mu Mudugudu wa Rurembo, Akagari ka Birira, Umurenge wa Kimonyi bwakurwamo umuhanda unyuzemo hagati kuko byagaragaye ko nta handi ugiye kandi ku mbugiro z'ikibanza cye hanyuze imihanda 2, Komisiyo yifuje ko umuhanda unyuze mu kibanza hagati wakurwamo kuko nta handi ugiye kandi ikibanza cye kikaba gikora ku yindi mihanda ihanyuze. | **062/12/2019/07:** Imaze gusuzuma ubusabe bwa **NYIRARUKUNDO Josephine** ufite ikibanza gifite UPI: **4/03/06/01/5649** giherereye mu Mudugudu wa Rurembo, Akagari ka Birira, Umurenge wa Kimonyi bujyanye no gukurirwamo umuhanda unyuze hagati mu kibanza cye, Inama Njyanama yemeje ko umuhanda unyuzemo hagati muri icyo kibanza ukurwamo kuko bigaragara ko nta handi ugiye kandi ku mbugiro z'ikibanza naho hakaba hari undi muhanda azajya akoresha.<br><br>**063/12/2019/08:** Nyuma yo gusuzuma raporo y'ubugenzuzi bwakorewe Ikigo cy'Amashuri cya Muguri giherereye mu Murenge wa Muko, Inama Njyanama yasabye ko Akarere kagaruza amafaranga ibihumbi ijana na cumi na bine na magana abiri (**114,200frws**) yasohotse adafite impampuro mpamo, irasaba kandi ko andi mafaranga angana n'ibihumbi maganane mirongo itandatu na bibiri na magana atatu mirongo cyenda n'ane(**462,394frws**) yasohotse adafite impapuro mpamo zuzuye, ko zashakwa zabura nayo akagaruzwa mu mutungo w'Ikigo. Yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana mu rwego rw'akazi Umuyobozi w'Ikigo cy'Amashuri cya Muguli.<br>**064/12/2019/09:** Ku birebana n'imirimo ikorwa nabi, Inama Njyanama itewe impugenge n'ibikorwa remezo n'inyubako bigendaho amafranga menshi ya Leta, nyuma y'igihe gito bigasenyuka. Irasaba Komite Nyobozi gukurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano nk'uko yumvikanyweho. |

| | | |
|---|---|---|
| | ➢ ***Komite y'Ubugenzuzi (Audit Committee):***<br>Hashingiwe k'Ubugenzuzi bwakorewe Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Muguri, Abagize Komite y'Ubugenzuzi bifuje ko umutungo wasohotse utarabonewe ibisobanuro wagaruzwa ugasubira mu mutungo wa Leta, ndetse Ubuyobozi bw'Akarere bugakurikirana Umuyobozi w'icyo Kigo mu rwego rw'amategeko.<br><br>-Ikibazo cy'ibikorwa remezo birimo kubakwa bigatangira gusaza bitaramara igihe( ingero: Inyubako z'Ikigonderabuzima cya Musanze na Gataraga, imihanda, ibiraro,....}, hifujwe ko abakira ibikorwa by'Akarere bajya bakurikirana uburyo byubakwa ndetse mbere yo kubyakira, abashinzwe gukurikirana ikorwa ry'Imirimo itandukanye bakajya bita ku igenzura ryimbitse{Ikigonderabuzima cya MUSANZE na GATARAGA, Imidugudu y'icyitegerezo itandukanye n'imihanda},. | |

Inama yasoje imirimo yayo saa sita na mirongo ine n'itanu (12h45), Perezida w'Inama Njyanama ashimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze yifuriza buri wese Noheri Nziza n'umwaka mushya muhire wa 2020.

**Umwanditsi w'Inama:**

**NYIRABYIMANA Jacqueline**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**Umuyobozi w'Inama:**

**ABAYISENGA Emile**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE